# CLIR DOCTRINAL STATEMENT

## *INYANDIKO IGARAGAZA IMYEMERERE Y'ISHURI CLIR*

## *Incamake*

While recognizing that doctrinal variety is appropriate in an institution committed to equipping Christian leaders, CLIR maintains the following theological commitments and expects that these will be shared by every level of leadership and administration of CLIR. Changes proposed to this policy by the Board of Governors must be affirmed by the General Assembly of CLIR's Owner and Founder, New Creation Ministries.

*Nubwo twemera ko imirongo ngenderwaho itandukanye ikwiye mu kigo kiyemeje kwigisha abayobozi b'Abakristo, CLIR izakomeza kugendera ku murongo usobanuye muri ino nyandiko nkuko yabyiyemeje, kandi yizeye ko inzego zose z'ubuyobozi muri CLIR zizayubahiriza. Hagize ibyo Inama y'Abaguverineri yifuza ko byahinduka, bigomba kubanza kwemezwa n'Inteko Nkuru ya New Creation Ministries, ariyo nyir'Ishuri.*

## *Doctrinal Affirmations*

## *Guhamya imyizerere*

(1) ***We believe*** that the Bible is God's Word, that it was written by men divinely and uniquely inspired; that it is the complete revelation of His will for the salvation of man; that it is absolutely trustworthy; and that it has supreme authority in all matters of faith and conduct (2 Timothy 3:16-17; 2 Peter 1:20-21).

***Twemera*** *ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, ikaba yaranditswe n'abantu bahumekewemo n'Umwuka w'Imana mu buryo bwihariye; kandi akaba ari ihishurwa ryuzuye ry'Ubushake bw'Imana ku gakiza k'umuntu; ikaba kandi ari iyo kwizerwa bisesuye; kandi ari yo ifite ubutware busesuye ku bintu byose bijyanye no kwizera ndetse n'imyitwarire.*

(2) ***We believe*** in one God, Creator of heaven and earth, perfect in holiness, infinite in wisdom, measureless in power, existing in three persons: Father, Son, and Holy Spirit. We rejoice that He concerns Himself mercifully in the affairs of men, that He hears and answers prayer, and that He saves from sin and death, all who come to Him through Jesus Christ (Genesis 1:1; Leviticus 19:2; Matthew 28:19; Romans 8:26; Hebrews 4:14-16; Romans 3:21-26).

***Twemera*** *Imana imwe, Umuremyi w'ijuru n'isi, Yera, Nyir'ubwenge n'ubuhanga bitarondoreka, ifite ubushobozi butagereranywa, Imana iriho mu butatu: Data, Umwana n'Umwuka Wera. Tunezezwa ko Imana mu mbabazi zayo yita ku mwana w'umuntu, Ikumva kandi Igasubiza amasengesho, kandi ko Ikiza icyaha n'urupfu abayisanga bose banyuze muri Yesu Kristo*

(3) ***We believe*** in Jesus Christ, God's only begotten Son, conceived of the Holy Spirit, born of the Virgin Mary, God Himself become man, sinless in His life, making atonement for the sin of the world by His death on the cross. We believe in His bodily resurrection, His ascension into heaven, His high priestly intercession for His people, and His personal, visible return to the world according to His

promise (Luke 1:26-38; John 1:14-18; Hebrews 1:3; Romans 3:21-26; 1 Corinthians 15:3-7; 1 Thessalonians 5:13-17; Hebrews 4:14-16; Revelation 22:20).

***Twemera*** *Yesu Kristo, Umwana w'ikinege w'Imana, wasamwe kubw'Umwuka Wera ku mwali Mariya, Imana yigize umuntu utarigeze acumura mu gihe cyose yamaze ku isi, akaba igitambo cy'icyaha mu rupfu rwe rwo ku musaraba. Twemera ko yazutse mu bapfuye, akazamuka mw'ijuru, akaba ari iburyo bw'Imana nk'Umutambyi Mukuru adusabira, kandi akaba azagaruka mu bwiza bwe nk'uko yabidusezeranije.*

(4) ***We believe*** in the Holy Spirit who came forth from God to glorify Jesus Christ; to convince the world of sin, righteousness, and judgment; and to regenerate, sanctify, empower, and comfort those who believe in Jesus Christ (John 14:15-26; John 16:4-15; Acts 2:1-4; Romans 8:9-11; 18-27).

***Twemera*** *Umwuka Wera waje avuye ku Mana kubahisha Yesu Kristo; no kwemeza ab'isi iby'icyaha, ibyo gukiranuka n'iby'urubanza, ndetse no guha ubugingo bushya, kweza, gushoboza no guhumuriza abari muri Yesu Kristo.*

(5) ***We believe*** that mankind was created in the image of God, but through disobedience all became by nature and by choice sinners. The entire human race, therefore, is lost, and only through repentance and faith in Jesus Christ can salvation be obtained, thus restoring us to a right relationship with God. We believe in the bodily resurrection of the dead: the believer to eternal life in the presence of God, the unbeliever to judgment and eternal separation from God (Genesis 1:26-27; Ephesians 2:1-10; Romans 3:21-26; 1 Corinthians 15:50-57; Romans 2:6-11).

***Twemera*** *ko umuntu yaremwe mu ishuho y'Imana, ariko kubera kutumvira abantu bose bahindutse abanyabyaha kubwa kamere no guhitamo nabi. Kubw'ibyo umuntu wese aciriweho iteka keretse, yakiriye agakiza kabonekera mu kwihana no kwizera Yesu Kristo, bituma yongera kugirana ubusabane n'Imana. Twemera kuzuka kw'umubiri ku bapfuye: abizera bakazazukira ubugingo buhoraho hamwe n'Imana, abatizera bakazukira gucirwaho iteka no gutandukanywa n'Imana iteka ryose.*

(6) ***We believe*** in the Church, a living spiritual body of which Christ is the Head, and of which all regenerated people are members. God has laid upon the Church the task of persuading a lost world to accept Jesus Christ as Savior and to enthrone Him as their Lord and Master. We believe, therefore, that all believers should live in a manner that glorifies Christ (Ephesians 4:11-16; 2 Corinthians 5:16-21; Colossians 3:1-17).

***Twemera*** *Itorero ry'abera, ari ryo mubiri muzima, Kristo abereye Umutwe, kandi ingingo z'uwo mubiri akaba ari abavutse ubwa kabiri . Imana ni yo yashinze Itorero, iriha inshingano yo guhamagarira abazimiye kwakira Yesu Kristo nk'Umukiza, kandi bakamwemera nk'Umwami n'Umutware wabo. Kubw'ibyo rero twemera ko abizera bose bagombye kubaho mu buzima buhesha Kristo icyubahiro.*

## *Annual Affirmation*

## *Gushimangira imyemerere buri mwaka*

In seeking to maintain compliance with this Doctrinal Statement, the CLIR Board of Directors will take it upon itself to sign this statement every year and to ask CLIR's administration to request all staff members and employees of CLIR to likewise sign every year. Additionally, this statement will be presented to all new staff and board candidates during the candidacy stage.

*Kugira ngo ino myemerere izakomeze gukurikizwa, Inama y'Abaguverineri ya CLIR iziha inshingano zo kuzajya yongera gushimangira ino myemerere iyishyiraho umukono uko umwaka utashye, kandi isabe ubuyobozi bwa CLIR n'abakozi bayo bose kujya bagenza batyo buri mwaka. Ikindi kandi, ino myemerere izajya imurikirwa buri mukozi mushya n'uwashaka kujya mu Nama y'Abaguverineri mu gihe asabwa kujya muri iyo myanya.*